# IMFASHANYIGISHO Y'IBISABWA UWIFUZA KUBA INTUMWA YA BPR

**Step 1: Gutanga icyifuzo cyo kuba intumwa ya BPR HAFI**

Kugira ngo ugaragaze ko wifuza kuba Intumwa ya BPR HAFI ukora ibi bikurikira

1. Kugana ishami rya BPR rikwegereye kugira ngo wuzuze ifishi y'isesengura ubucuruzi bw'uwifuza kuba intumwa ya BPR (Agent Assessment Form)
2. Tegereza igisubizo cya Banki mu minsi 2 y'akazi

**Step 2: Gusaba kwemererwa kuba Intumwa ya BPR HAFI**

Igihe icyifuzo cyo kuba intumwa ya BPR cyemejwe, Banki iragusura kugira ngo wuzuze ibyangombwa bikurikira:

1. Kwuzuza neza ifishi isaba kuba intumwa ya BPR HAFI (Agent Application form)
2. Gutanga ibyangombwa bikurikira:

- Icyemezo cyo kwandikisha ubucuruzi gitangwa na RDB
- Ipatante y'imyaka ibiri ishize
- Historique y'amezi 6 ya konti ya nyiri ubucuruzi cyangwa y'ikigo mu gihe usaba atari umukiriya wa BPR. Mu gihe ariwe yandika konti ya BPR kuri application form
- Ibaruwa isaba kuba agent ivuga igihe yatangiriye ubucuruzi, aho akorera ubucuruzi, ibyo acuruza, ndetse n'umubare w'abakozi afite.
- Amafoto 2 yaho akorera ubucuruzi (ifoto y'imbere niy'inyuma)
- Amafoto 2 magufi ya nyiri ubucuruzi cyangwa aya buri nyirimigabane mugihe ari ikigo
- Fotokopi y'indangamuntu ya nyiri ubucuruzi cyangwa iz'abanyamigabane
- Criminal record ya nyiri ubucuruzi cyangwa iz'abanyamigabane igaragaza ko atakatiwe n'inkiko
- Raporo ya CRB imeze neza cg igaragaza ko ari inyangamugayo (Yongerwamo n'umukozi wa banki)

3. Tegereza igisubizo cya Banki mu minsi 5 y'akazi

**Step 3: Igihe wemerewe kuba Intumwa ya BPR HAFI**

Nyuma yo kwemererwa kuba intumwa ya BPR usabwa kugana ishami ryawe rya Banki kugira ngo ukore ibi bikurikira:

1. Gushira umukono kuri Kopi ebyiri za kontaro. Kopi imwe uzayihabwa indi isigaranwe na Banki. Buri kopi igombwa kujyaho imikono ya nyiri ubucuruzi cyangwa iz'abanyamigabane ( kuri page 17 na 23 za kontaro nshya)
2. Gufunguza konti y'intumwa za BPR
3. Kubitsa amafaranga ya float uzakoresha nkuko wabyemeje usaba kuba intumwa